Ministere de la jeunesse et du mouvement coopératif (Mijecoop)
- lettre
- Communique officiel
Le 28/02/1984 - Le 15/11/1990

200 Pgs 47 docs

REPUBULIKA Y'U RWANDA
MINISITERI Y'URUBYIRUKO
N'AMASHYIRAHAMWE
B.P. 1044 KIGALI

Kigali, kuwa 15 NOV. 1990

N° 3387 /15.14

Bwana Burugumesitiri wa
Komini KAGANO
C Y A N G U G U

Impamvu : Ikibazo cy'urubyiruko.

Bwana Burugumesitiri,

Nkurikije ibaruwa yawe n° 01640/04.09.01/10 yo kuwa 22 nzeli 1990 yasubizaga ibaruwa yanjye n° 2191/15.00 yo kuwa 11/9/1990, nandikiye umuyobozi w'urubyiruko n'amashyirahamwe muri Perefegitura ya CYANGUGU musaba kungezaho ibisobanuro ku kibazo urubyiruko rwa Komini uyobora rwahuye nacyo mu gihe cy'ISANGANO ry'Urubyiruko no kusirikana imibereho myiza y'abaturage nkakugenera kopi.

Ngushimiye uburyo wasobanuriye urubyiruko ko kubera amikoro make, uyu mwaka Minisiteri y'Urubyiruko n'Amashyirahamwe itashoboye guteganya ibihembo bihagije nkuko byari byaragaragaye mu masangano yabanjirije iry'uyu mwaka.

Ikindi ni uko urubyiruko rukwiye kumva ko mu marushanwa abera muri Komini cyangwa ahandi rutagomba kureba ibihembo gusa, ahubwo icyo rukwiye kwimiriza imbere ni uguhura, gushyigikirana na bagenzi babo, bityo bagahesha ishema Komini yabo.

Minisitiri w'Urubyiruko
n'Amashyirahamwe
NZABONIMANA Callixte.-

Bimenyeshejwe :
- Bwana Umuyobozi w'Urubyiruko
n'Amashyirahamwe muri Perefegitura
C Y A N G U G U